
# ELLEN G. WHITE® ESTATE




# AMAGAMBO YAGIYE YITIRIRWA ELLEN G. WHITE NYAMARA ATARI AYE

## AMASHAKIRO


1. ***Amagambo ashingiye gusa kubyo abantu bavuze ko bibuka*** .................... 4

**1.Gufatira amafunguro y'isabato ku wundi mubumbe** .................... 4

**2.Ubwanditsi ku gitabo cyitwa *"ibitekerezo kuri Daniyeli n'ibyahishuwe."*** .................... 5

**3.Ibiranga Melikisedeki** .................... 5

**4.Imisozi y'ubwihisho mu gihe cy'amakuba** .................... 5

**5.Kurangira k'umurimo bihereye mu magepfo** .................... 6

2. ***Gushyirwahamwe kw'amagambo atandukanye*** .................... 6

**1.Imimerere y'abanyeshuri mu ishuri bitegura gukora umurimo w'Umwami** .................... 6

**2.Kwemera ikoreshwa ry'ibisindisha byo ku rwego rwo hejuru n'amategeko y'icyumweru** .................... 7

**3.Amakuba agiye kuza n'ahantu nyirizina azabera** .................... 7

3. ***Amagambo yashyizwe ku ruhande maze ahabwa ubundi busobanuro*** .................... 8

**1.Ibizaba mu gicuku** .................... 9

**2.Ikoreshwa ry'amagi ku meza yacu** .................... 9

**3.Ellen G. White na 144 000** .................... 9

4. ***Inyandiko zitiriwe abatari ba nyirazo*** .................... 10

**1.Ikimenyetso kigaragaza irangira ry'urubanza kagenzuzi** .................... 10

**2.Abamarayika bashyira ku murongo ibidukikije banahindura ibikorwa bitandukanye.** .................... 11

**3.Umurimo wa nyuma w'ubuhuza wa Kristo** .................... 11

**4.Inama ku bijyanye no kwiteganyiriza no kubaho** .................... 11

**5.Umumaro wo kwiga ku kibazo cy'abantu 144 000** .................... 12

**6.Imibumbe ituwe muri sisitemu yacu y'izuba** .................... 12

**7.Isengesho ni igisubizo kuri buri kibazo cyo mu buzima** .................... 13

**8.Abadiventiste b'umunsi wa karindwi bihanangirijwe ko bava muri leta zunze ubumwe za Amerika** .................... 14

**9.Gukoresha ibihamya ku ruhimbi** .................... 14

**10.Amashuri ya leta** .................... 14

**11.Isi yari kuburirwa mu gihe cy'imyaka ibiri nyuma ya 1888** .................... 15

*5. Ibihimbano by'umwimerere* ........ 15
1.Ubuhakanyi bw'amatorero cyangwa za konferanse by'abadiventiste b'umunsi wa karindwi ........ 15
2.Imyitwarire yagaragarijwe abakuru b'itorero Jones na Waggoner ........ 17
3.Ubutumwa bw'ijwi rirenga bwangwa ........ 17
4.Ishyaka rya politike cyangwa izina ry'umuryango wa perezida uheruka wa Leta zunze ubumwe za Amerika ........ 17
5.Ubufaransa n'umudendezo w'idini ........ 18
6.Iyerekwa ryo gupfa kuzaba ku isi yose na gahunda nshya y'isi ........ 18

**IRIBURIRO**

Ibyagaragajwe muri iyi nyandiko byose, byasemuwe mu Kinyarwanda bikuwe ku rubuga rwa murandasi (internet) rw'abashinzwe kurinda inyandiko za Ellen G. White (aribo bitwa *Ellen G. White Estate*). Kanda kuri link ikurikira niba wifuza kubisoma mu mwimerere wabyo mu rurimi rw'icyongereza.
https://whiteestate.org/legacy/issues-faq-mist-html/

Ibikubiye muri iyi nyandiko ngufi bibasha no kuboneka mu gitabo cy'itorero ry'abadiventiste b'umunsi wa karindwi cyitwa "*comprehensive Index to the writings of Ellen g.White, vol, 3, pp.3189-3192*"

Amagambo y'abantu bazwi neza akenshi arahindagurwa, kandi inshuro nyinshi amagambo yavuzwe n'abandi akaba ari bo yitirirwa. Ahanini guhera mu itangira ry'umurimo wa Ellen G. White, hagiye habaho amagambo yagiye amwitirirwa kandi atari aye, cyangwa se ugasanga inyandiko ze zimwe na zimwe bagiye bazihindurira ibisobanuro byazo kubwo kwibeshya cyangwa babigambiriye. Urugero rwabyo rumwe rwavuzweho mu gitabo cyitwa *Ibihamya ku Bagabura,* paje 57. Dushobora kwemera inyandiko za Ellen G. White ko ari iz'ukuri igihe gusa zibasha kuboneka mu nyandiko zasohotse n'izitarasohotse mu icapiro ariko nabwo bikagaragazwa ku masōko yizewe.

Hano hari urutonde rw'ibyo benshi bagiye bakunda kutubaza ku rubuga rwa Ellen G. White Estate. Biri mu matsinda hagendewe ku moko atanu akunze kwiganza.

### *1. Amagambo ashingiye gusa kubyo abantu bavuze ko bibuka*

Kuba abantu b'imana bavuze ko bibuka ikintu runaka ntabwo bivuze ko aribyo dukwiye gushingiraho. Kubw'ibyo rero, byaba ingenzi cyane kubanza gusobanura neza inkomoko y'ibyo ugiye kuvuga igihe uvuga ku nyandiko za Ellen G. White:

### 1.Gufatira amafunguro y'isabato ku wundi mubumbe.

Amakuru ashingiye kubyo umuntu umwe yibuka, yuko Ellen G. White ubwo bari bari gusangira iby'umugoroba, yavuze ko abaturage bo ku yandi masi bari bari gusoroma imbuto bazakoresha mu birori by'isabato byo kwakira abakiranutse bavuye mu isi bagana mu ijuru, nta gihamya afite. No kuvuga ko aya magambo

yanditswe mu buryo bw'ibimenyetso bwitwa *stenography* na byo nta shingiro bifite. Ellen G. White yavuze gusa amagambo yoroheje mu gitabo cy' *Inyandiko z'Ibanze* , paje ya 16, ati "twazamutse iminsi irindwi tugana ku nyanja y'ibirahure". Ntaho Ellen G. White yigeze avuga iby' umunsi w'isabato muri urwo rugendo.

## 2.Ubwanditsi ku gitabo cyitwa *"ibitekerezo kuri Daniyeli n'ibyahishuwe."*

Amakuru y'umugabura wo mu bihe bya mbere by'itorero ryacu avuga ko Ellen G. White yamuhamirije imbere ko yabonye marayika ahagaze iruhande rw'umukuru w'itorero Uriah Smith, amuhumekeramo ubwo yandikaga *Ibitekerezo kuri Daniyeli n'Ibyahishuwe* ahakanwa ku buryo bukomeye n'ibihamya byo mu mateka. Binyuranyije n'inyandiko zizewe za Ellen G. White kandi ibyo byatuma icyo gitabo cya Uriah Smith gikurwa mu cyiciro cy'inyandiko "zahumetswe." Icyakora, madamu White yahaye agaciro kandi ararikira abantu iki gitabo. Reba mu gitabo *colpolteur ministry*, paje 123. Haravuga ngo "umucyo watanzwe ni uko *Ibitekererzo kuri Daniyeli n'ibyahishuwe, Intambara ikomeye n'Abakurambere n'abahanuzi*, bizicira inzira. Birimo ubutumwa nyakuri abantu bakeneye, umucyo wihariye Imana yahaye abantu bayo. Abamarayika b'Imana bazategura inzira y'ibi bitabo mu mitima y'abantu."

## 3.Ibiranga Melikisedeki.

Bivugwa ko madamu White yagaragaje ko Melikisedeki ari Umwuka wera hashingiwe kubyo umuntu umwe yibuka. Nta gihamya cy'iyi nyigisho kiboneka mu nyandiko ze. Kandi aya magambo yamburwa agaciro cyane no guhakanwa n'abari bahari aho bitekerezwa ko Ellen G. White yari kuba yaravuze ayo magambo. Ntabwo yigeze avuga Melikisedeki uwo ari we. Reba amagambo ya Ellen G. White muri *Seventh-day Adventist Bible Commentary,* vol. 1, p. 1093, haranditswe ngo "Ni Kristo wavugiye muri Melikisedeki, umutambyi w'isumbabyose. Melikisedeki ntabwo yari Kristo, nyamara yari ijwi ry'Imana mu isi, yari uhagarariye Data"

## 4.Imisozi y'ubwihisho mu gihe cy'amakuba.

Amakuru avuga ko madamu White yarekanye imisozi imwe n'imwe nk'ubuhungiro butekanye mu gihe cy'amakuba nta gihamya kizwi afite mu nyandiko ze zose yaba izasohotse n'izitarasohotse mu icapiro.

## 5.Kurangira k'umurimo bihereye mu magepfo.

Bamwe bavuga ko Ellen G. White yavuze ko umurimo wari kuzarangira uhereye mu magepfo ya leta zunze ubumwe za Amerika. Niba ayo magambo yarabayeho, uko bigaragara yaba yaravuzwe gusa ariko ntiyandikwe, kuko nta gihamya cyayo na kimwe tubona mu nyandiko za Ellen G. White, yaba izasohotse ndetse n'izitarasohotse mu icapiro.

## *2. Gushyirwahamwe kw'amagambo atandukanye*

Hari amakuru akunda kuzenguruka ahantu henshi, ariko ashingiye kucyo twakwita gushyirwahamwe kw'amagambo atandukanye.

## 1.Imimerere y'abanyeshuri mu ishuri bitegura gukora umurimo w'Umwami.

Benshi bizera ko Ellen G. White yigishije ko Umwami aramutse aje mu gihe abanyeshuri bari ku ishuri, babarwa nk'aho bari bari gukora mu murima w'isarura. Nta hantu hazwi handitse ibintu bimeze bityo. Iki gitekerezo ahari wenda cyaba cyo gusa turamutse duhuje amagambo atandukanye. Reba mu gitabo cy'Uwifuzwa ibihe byose, paje 55: (Igice cya 7 cyitwa *amabyiruka ya yesu*, ku isubi yaho ya nyuma)

"Atangira umurimo we yitangira umwuga worohoje ukorwa n'abashaka ibyo kurya bya buri munsi, akiyumvamo ko ari ku murimo w'Imana nk'uko yakoraga mu ibarizo ari umubaji, kimwe no hanyuma igihe yakoraga ibitangaza akiza abantu benshi. Buri musore wese ukurikiza urugero rwa Kristo, icyitegerezo cy'ubudakemwa no kumvira mu muryango ashobora kwishingikiriza ku magambo Data wa twese yavugiye mu mwuka we agira ati : "Dore umugaragu wanjye ndamiye uwo natoranyije umutima wanjye ukamushima. Yesaya 42:1"

## 2.Kwemera ikoreshwa ry'ibisindisha byo ku rwego rwo hejuru n'amategeko y'icyumweru.

Amakuru ahuza mu buryo bwahuranije kwemerwa kw'ikoreshwa ry'ibisindisha byo ku rwego rwo hejuru muri Leta zunze ubumwe za Amerika no guhita hatangwa itegeko ry'icyumweru, nta shingiro afite. [ibisindisha byo ku rwego rwo hejuru byabanje kubuzwa mu itegeko ryatowe mu 1917, nyuma itegeko rirahindurwa hanyuma ibisindisha byo ku rwego rwo hejuru biremerwa mu 1933]. Aya makuru birashoboka ko abantu bayashingiye ku magambo aboneka mu gitabo kitwa *Abahanuzi n'abami*, paje 133, aho kivuga ku "kugomera Imana kwihandagaje" kw'abanyamategeko aho ariho hose n'igihe icyo aricyo cyose bagombaga gushyiraho "amategeko yo kurengera ikiswe kwera k'umunsi wa mbere w'icyumweru" ariko kandi "ari nako bashyiraho amategeko atanga uburenganzira bwo gucuruza no gukoresha ibisindisha byo ku rwego rwo hejuru"

## 3.Amakuba agiye kuza n'ahantu nyirizina azabera.

Nk'uko ubuhanuzi bwa bibiliya bubyerekana, Ellen G.White yizeraga bidatinze ko Yesu azagaruka, agashyira iherezo ku bibi byo muri iyi si. Kandi yizeraga ko imigi minini itazabasha guhunga umuvurungano n'amakimbirane bizakomeza kwiyongera uko turushaho kwegereza iherezo ry'ibihe. Yatanze imiburo ku biza bizaza, ariko nta na rimwe yigeze avuga itariki bizabera cyangwa itsinda runaka ry'imyizerere rizabigiramo uruhare. Amakuru avuga ko Ellen G.White yahishuye uduce tumwe na tumwe tuzagerwaho n'ibishyitsi, inkongi z'umuriro, umwuzure, ishuheri ryo mu mazi, gutebera kw'ubutaka bukarengerwa n'amazi yo munsi yabwo, cyangwa kugabwaho ibitero n'ababisha; nta shingiro afite kandi ashingiye mu guhurizwa hamwe kw'amagambo atandukanye agendanye n'amakuba yegereje.

Ibiri amambu ku makuru adafitiwe gihamya, Ellen G.White ntabwo yigeze avuga ibyo kugwa kw'imiturirwa y'impanga mu mugi wa New York cyangwa ahandi aho ari ho hose ku isi. Yavuze ku byo yeretswe birimo kurimbuka kw'amazu "meza ajya atangarirwa na benshi" ( reba mu *Bihamya by'itorero*, vol.9, p.11), nyamara nta na hamwe yigeze ahishura izo nyubako izo ari zo.

Hari ibiri mu kigisho kitasohotse mu icapiro cyatambutse mu 1905,  aho Ellen G.White yasobanuye inzozi yari yarahawe mu mezi menshi yari atambutse, aho yabonye ikibumbe cy'umuriro kimanuka kiva mu ijuru kiraza "kigwa muri Nashville" (Manuscript 188, 1905). Mu buryo bugaragara, yavuze kuby'izo nzozi inshuri zirindwi hagati ya 1904 na 1909, nyamara yasobanuye ko uwo mubumbe w'umuriro waje "ugwa ku isi" cyangwa "ku butaka." Ntabwo yigeze atunga urutoki ku mugi uyu cyangwa uriya nyuma yaho gato, habe no kubishyira mu byigisho bye cyangwa inyandiko ze zacapwe nyuma. Tugendeye ku byo yanditse byose bigendanye n'izo nzozi, ntabwo twizera ko umujyi wa Nashville ariwo yibanzeho kuruta indi migi, ahubwo yari asobanukiwe ko iryo yerekwa rihagarariye ukurimbuka gukomyeye kuzakwira isi, ari kwo bibiliya yavuze ko kuzabanziriza kugaruka kwa Kristo ndetse ko bikenewe ko buri wese yitegura icyo gihe gikomeye.

Igisubizo Ellen G.White yatanze ku mpuha zo mu 1906 zivuga ko yavuze kuby'igishyitsi cyo muri San Francisco ni isomo kuri twebwe. Amakuru yari yarabaye gikwira yuko yasohoye inyandiko ifite umutwe uvuga ngo "Imanza z'Imana ku migi yacu" kuwa 5, Nyakanga 1906. Mu kinyamakuru *cy'Urwibutso n'Integuza*, aho mu buryo bukomeye yahakanye ko yari yarahanuye iby'icyo gishyitsi. Nkuko yari yarabigenje mu mwaka wari wabanje ku bijyanye n'iyerekwa rya Nashville, yarongeye akoresha iryo gereranya rijyanye n'uburyo abakristo bakwiriye kwitwara ku manza zigiye kuza. Ayo makuba akwiye kuba umuburo mu bya mwuka kandi akadutera n'umwete wo kwamamaza inkuru nziza yo kugaruka vuba kwa Kristo.

Birebe mu gitabo kitwa *Life sketches of Ellen G.White*, paje 411-414, urebe imiburo yatanze ku bijyanye no guhuza ahantu runaka hazwi no guhanura iby'amakuba.

### *3. Amagambo yashyizwe ku ruhande maze ahabwa ubundi busobanuro*

Si gake abantu bajya bashingira imyumvire yabo igendanye n'inyigisho za Ellen G.White ku duce duto cyangwa amagambo runaka yashyizwe ku ruhande maze agahabwa ubusobanuro bwayo bwihariye. Ubwo yandikaga kuri umwe mu bari barakoze iryo kosa ku bijyanye n'inyandiko ze, yavuze ibyo bakora byo "gufata

interuro aha na hariya, bakayambura ubusobanuro bwayo nyakuri, maze bakayisobanura uko bashaka ngo ishyigikire igitekerezo cyabo.” *ubutumwa bwatoranijwe,* vol.1, p. 39.

## 1.Ibizaba mu gicuku.

Bamwe mu buryo bwo kwibeshya, batekereza ko Ellen G.White yahishuye ko Yesu azagaruka mu gicuku. Iyo dusomye twitonze mu *Nyandiko z’ibanze,* paje 187, *n’intambara ikomeye,* paje 578, hagaragaza ko abantu b’Imana “ni mu gicuku”bazarokorwa itegeko ryo Kwicwa, kandi ibizaba nyuma bizakurikirana vuba vuba, kugeza ubwo nk’uko byanditswe mu *ntambara ikomeye,* paje 581 haje kuboneka “agacu gato kirabura, kajya kungana na kimwe cya kabiri cy’ikiganza cy’umuntu. Ako gacu kari kazengurutse Umukiza kandi kasaga n’agakikijwe n’umwijima impande zose.”

## 2.Ikoreshwa ry’amagi ku meza yacu.

Gufata interuro ivuga iti “amagi ntakwiriye gushyirwa ku meza yanyu” iboneka mu *bihamya by’itorero* , vol.2, paje 400, ukayishyira ku ruhande ukayisobanura ukundi, byatumye benshi bagera ku mwanzuro upfuye ku bijyanye n’uruhande Ellen G. White yari ahagazemo kuri iyo ngingo, nk’uko yabisobanuye biruseho muri *Rengera ubuzima,* vol.2, paje 22 aho yanditse ati “Abantu batuye ahataba amatunda n’ububemba ntibakwiriye guhatirwa kudakoresha amata n’amagi. Ariko kandi ni byiza kwitonda kugira ngo amata anyobwa abe yakamwe inka zitarwaye kandi n’amagi agomba kuba yaratewe n’inkoko zagaburiwe neza kandi zigafatwa neza.”,no mu *Bihamya by’itorero* vol.7, paje.135 na vol.9, paje 162, aho yasobanuye aho amagi ashobora gukoreshwa muri gahunda y’imirire.

## 3.Ellen G. White na 144 000.

Nta hantu na hamwe Ellen G. White yigeze yandika, avuga ko azaba ari umwe muri ba bantu 144 000. Nk’uko byanditswe mu gitabo cy’*Inyandiko z’ibanze,* paje 45, ubwo yari ari mu iyerekwa, yahawe gusura andi masi hanyuma yifuza kwigumirayo, marayika yaramubwiye ati “Ugomba gusubirayo, kandi nuba indahemuka, wowe na ba bandi ibihumbi 144 muzagira amahirwe yo gusura

imibumbe yose maze mwirebere imirimo y'intoki z'Imana." Murebe no ku magambo yanditse no mu butumwa bwatoranijwe, vol.2, p. 278. Haranditswe ngo "Birankomereya cyane kumenya icyo nakubwira. Inkuru y'urupfu rw'umugore wawe yarambabaje cyane. Kubyemera byarankomereye cyane kandi na n'ubu birankomereye cyane. Hari icyo nzandika Imana yanyeretse mu ijoro ryo ku Isabato ishize.... Nabonye ko yashyizweho ikimenyetso kandi ko azazuka impanda y'Imana ivuze agahagarara ku isi, *ndetse akazaba hamwe n'abantu 144000*. Nabonye ko tudakwiriye kumuborogera; mu gihe cy'umubabaro ukomeye azaba yiruhukiye kandi ibyari kudutera kurira ni igihombo twagize cyo kuba tutari kumwe. Nabonye ko urupfu rwe rwari kuzana ibyiza."

### ***4. Inyandiko zitiriwe abatari ba nyirazo***

Mu myaka myinshi, abadiventiste b'umunsi wa karindwi bagiye bandukura amagambo cyangwa bagahitamo amasubi amwe n'amwe yo mu nyandiko za Ellen G. White yasohotse mu *Rwibutso n'integuza* ndetse no mu bindi binyamakuru. Bamwe kandi bagiye bafata amagambo yanditswe n'abandi batabizi hanyuma muri uko kwibeshya kwabo bakayitirira madamu White. Imigani n'imvugo byakoreshejwe cyane, nabyo byagiye bikunda kumwitirirwa mu buryo bw'amakosa.

### **1.Ikimenyetso kigaragaza irangira ry'urubanza kagenzuzi.**

Amagambo yasohotse mu icapiro yabonekega mu *nyongera ku rwibutso n'integuza* yo kuwa 21, Kamena 1898, yavugaga ko umwijima w'ibigaragara uzabudika ku isi nk'ikimenyesto ku bana b'Imana y'uko urubanza kagenzuzi ruzaba rwarangiye; bayitiriye Ellen G. White mu buryo bwo kwibeshya. Mu by'ukuri yavuzwe n'umugabura w'umudiventiste w'umunsi wa karindwi. Inyigisho nk'iyo inyuranyije n'amagambo Ellen G. White yanditse mu *ntambara ikomeye,* paje 560, 561 avuga ngo "Nuko rero, ubwo umwanzuro ntakuka wo mu buturo buziranenge uzatangazwa, maze isi yose igatangarizwa icyo yagenewe bidasubirwaho, abatuye isi ntibazabimenya."

## 2.Abamarayika bashyira ku murongo ibidukikije banahindura ibikorwa bitandukanye.

Aya magambo ndetse n’imvugo ikurikiraho ivuga ko amasengesho y’imitima idafite icyo yitayeho ari ku ruhimbi rwo mu ijuru, azasubizwa mbere yuko icyotero kijugunywa hasi; ntabwo akomoka ku ikaramu ya Ellen G. White, ahubwo ni amagambo yavuzwe n’uwitwa S. N. Haskell kuri paje ya 147 y’igitabo cye kitwa, *Inkuru y’umuhamya w’i Patimosi.*

## 3.Umurimo wa nyuma w’ubuhuza wa Kristo.

Amagambo yitiriwe Ellen G. White kandi akagira aho aboneka henshi nko mu *Rwibutso n’Integuza* 1890, 1898 cyangwa 1912, avuga ko umurimo wa nyuma w’ubuhuza wa Kristo uzakorerwa abasore bari baravuye mu mukumbi w’Imana; nta na hamwe aboneka mu nyandiko za Ellen G. White. Abakunda kubitubazaho, tubarangira amagambo ya Ellen G. White akurikira: “igihe umuraba w’akarengane uzatwisukaho,…benshi bari bararorongotanye bazagaruka bakurikire umwungeri ukomeye” (*Ibihamya by’itorero*, vol.6, paje 401). “ Imana iracyahamagara uwitandukanije na yo. Kandi ikoresha uburyo bwose kugira ngo igarure bene uwo muntu mu nzu yayo.… Umurunga w’izahabu, ari wo mpuhwe n’imbabazi z’urukundo rw’Imana uherezwa umuntu wese ugeze mu mazi abira.”(*Imigani ya Kristo*, paje 101). “Ijuru ritegereje kandi ryigingira kugaruka impabe zororongotaniye kure y’umukumbi. Benshi mu bataye inzira bashobora kugarurwa n’umurimo w’urukundo w’abana b’Imana.”( *Ahantu ho mu ijuru,* paje 10).

## 4.Inama ku bijyanye no kwiteganyiriza no kubaho.

Mu buryo butangaje kandi buteye amatsiko, inama ivuga ko dukwiye kubaho “nk’aho tuzamara imyaka 1000, kandi nk’uko twakabikoze iyaba twari tuzi ko tugomba gupfa ejo” yakomotse mu nyandiko za *Mother Ann Lee of the Shakers,* ntabwo ari mu za Ellen G. White. Reba muri *Time*, yo kuwa 28, Nyakanga 1961, paje 53. Reba kandi mu Bihamya by’itorero, vol.5, p.200 aho Ellen G. White yanditse ati “tugomba kuba maso, tugakora kandi tugasenga nkaho uyu ari  wo munsi wa nyuma twahawe”.

## 5.Umumaro wo kwiga ku kibazo cy'abantu 144 000.

Hari amagambo yakuwe mu ibaruwa y'umwe mu banditsi ba Ellen G. White, aho yagaragaje igitekerezo cye ku bijyanye n'umumaro wo kwiga ku kibazo cy'abantu 144 000; yagaragajwe mu bitabo bimwe na bimwe byacapwe bikomoka kuri Ellen G.White. reba icyo Ellen G.White yavuze kuri iyo ngingo. "Ntabwo ari umugambi wayo ko abantu bigisha ikintu bitekerereje kitaboneka mu Ijambo ry'Imana. Ntabwo ari ubushake bwayo ko bajya impaka ku bibazo bitazagira icyo bibafasha mu by'Umwuka, nk'ibingibi. Ni bande bagize ibihumbi ijana na mirongo ine na bine? Ibi, intore z'Imana zizabimenya nta ngorane mu gihe gitoya. Bene Data, mwishimire kandi mwige ukuri Imana yabahaye n'urubyaro rwanyu. Ntimute igihe cyanyu mushakisha kumenya ikitazagira icyo kibafasha mu by'Umwuka." *Ubutumwa bwatoranijwe*, vol.1, paje 159.

## 6.Imibumbe ituwe muri sisitemu yacu y'izuba.

Ibinyuranye n'amakuru amwe n'amwe, Ellen G.White ntiyigeze na rimwe avuga mu mazina "amasi" yabonye mu iyerekwa. Joseph Bates, umukapitene wo mu nyanja wari uri mu kiruhuko cy'izabukuru kandi wari warakurikiranye iby'ubumenyi bw'isanzure (*astronomy*), yabaga ahari byibura muri rimwe muri aya mayerekwa, kandi bivugwa ko yagaragaje ayo masi nk'umubumbe wa Jupiter, uwa Saturn n'uwa Uranus. Bamwe bahuje mu buryo bwo kwibeshya ibyo umukuru w'itorero Joseph Bates yavuze ku mayerekwa ya Ellen G.White aho yavuze iby "ahantu" hatuwe n'ibiremwa byiza kandi bitunganye. Nyamara Ellen G.White we asobanura iby'iyerekwa rye, yavuze gusa ko yeretswe "AHANTU" harabagirana kandi huzuye icyubahiro. Ntabwo rwose yigeze avuga ko aho "hantu" ari Jupiter, Saturn cyangwa undi mubumbe runaka uboneka muri sisitemu yacu y'izuba.*( ariyo irimo indi mibumbe 8 yegeranye n'isi yacu, kandi yose izenguruka izuba.)*

hano hari icyo yabivuzeho: "Imana yanyeretse indi mibumbe. Nahawe amababa, maze umumarayika aranyobora ankura mu murwa ajyana ahantu harabagirana kandi heza bitangaje. Ibyatsi byaho byari bitoshye, kandi inyoni zaho zaririmbaga indirimbo z'agahozo. Abaturage baho bose barareshyaga; bari inziramakemwa, ari banini kandi ari ab'igikundiro. Basaga na Yesu, kandi

mu maso habo harabagiranishwaga n’ibyishimo bizira inenge, ibyo bikerekana umudendezo n’umunezero biba aho hantu.

Nabajije umwe muri bo impamvu ari ab’igikundiro cyane kuruta kure abatuye iyi si. Yaransubije ati: “Imibereho yacu yaranzwe no kumvira amategeko y’Imana tudakebakeba, kandi ntitwigeze ducumura kubwo kutumvira nk’ibyo abari ku isi.” Hanyuma mbona ibiti bibiri, kimwe cyasaga cyane n’igiti cy’ubugingo kiri mu murwa. Imbuto zabyo byombi zari nziza cyane, ariko ntibashoboraga kurya imbuto za kimwe muri byo. Bari bafite ubushobozi bwo kurya kuri ibyo biti byombi, ariko babuzwa kimwe gusa. Nuko umumarayika twari kumwe arambwira ati: “Nta n’umwe mu bari aha wigeze arya ku giti cyabuzanyijwe; ariko iyo baza kuryaho, bari gucumura.”( *Inyandiko z’ibanze*, paje 44)

## 7.Isengesho ni igisubizo kuri buri kibazo cyo mu buzima.

Isubi ijyanye n’imbaraga z’isengesho, itangirwa n’aya magambo “Isengesho ni igisubizo kuri buri kibazo cyo mu buzima,” ntabwo ikomoka kuri Ellen G.White, ahubwo bigaragara ko igomba kuba ikomoka mu nyandiko yo kwiyegurira Imana yitwa “Ijambo rya buri munsi” yo kuwa 18, Kamena 1952. Nyuma yuko aya magambo yagiye akorerwa impinduka nkeya, yagiye agaragara kenshi mu *rwibutso n’integuza* rwo kuwa 29, Mutarama 1953 ndetse no kuwa 7, Ukwakira 1965. Aya magambo, nk’uko kenshi akunda gusakazwa, bakunda kuyabeshyera ko akomoka mu *rwibutso n’integuza* rwo kuwa 7, Ukwakira 1865.

Kugira ngo umenye icyo Ellen G.White yavuze ku bijyanye n’isengesho, reba muri *Kugana Yesu,* paje 73: “Ubukene bwawe, n’umunezero wawe, n’imibabaro yawe, n’amaganya yawe, ndetse n’ibigutera ubwoba, byose ubyikoreze Imana yawe. Ntubasha kuyiremereza cyangwa kuyigondoza, kuko idashenguka. Ibara umusatsi wo ku mutwe wawe, ntiyirengagiza imibabaro y’abana bayo “Uwiteka afite imbabazi nyinshi no kubabarira.” (Yakobo 5:11). Umutima we w’urukundo ubabazwa n’agahinda kacu kose. Umushyire ibikubabaza byose biguhoza ku nkēke. Nta kiyiremerera kuko iramira amasi igatwara ibyaremwe byose. Ikibasha kuduhesha amahoro cyose nubwo cyaba gito gite, ntiyagikerensa. Nta kitubaho itazi; kandi nta cyatuziga Imana itabasha

kutuziguraho. Nta cyago cyatera umwana wayo na gito, nta mvune y'agahinda kamushengura, nta n'isengesho ryava mu kanwa ke, Data wo mu ijuru atabizi ngo abure kubyitaho uwo mwanya. "Akiza abafite imitima imenetse apfuka inguma z'imibabaro yabo." (Zaburi 147:3). Imana yita ku muntu wese nk'aho ari nta w'undi mu isi yose ubaho, yatangiye Umwana wayo w'ikinege."

## 8.Abadiventiste b'umunsi wa karindwi bihanangirijwe ko bava muri leta zunze ubumwe za Amerika.

Amagambo avuga ngo "umunsi uraje, kandi si kera, ubwo buri mudiventiste w'umunsi wa karindwi azifuza…yuko yakabaye ari hanze ya Leta zunze ubumwe za Amerika," yitiriwe Ellen G.White mu buryo bupfuye. Ibiri amambu ni uko ari amwe mu yavuzwe mu kigisho cya A.T. Jones, cyasohotse mu kinyamakuru kitwa *General conference Bulletin* cyo kuwa 16 Mata, 1901, paje 265,266.

## 9.Gukoresha ibihamya ku ruhimbi.

Amagambo yitirirwa Ellen G.White Kandi bivugwa ko aboneka mu gitabo kitwa " *Gukoresha neza Ibihamya*", paje 4,5 aho bavuga ko inyandiko ze zidakwiriye na rimwe gusomerwa ku ruhimbi, nta gihamya afite.

## 10.Amashuri ya leta.

Ntabwo Ellen G.White yigeze avuga ngo "ishuri ry'itorero ribi rirusha ayandi mashuri y'itorero, niryo ryiza urigereranije n'ishuri rya leta ryiza kurusha ayandi ya leta." Icyakora yatanze imiburo ijyanye n'ibibi by'amashuri ya leta, kandi mu buryo bufite imbaraga yashimangiye ibyiza byinshi by'uburezi bwa gikristo, bihabanye n'amahame y'ibinyoma, ingaruka n'amashyirahamwe yose afitanye isano na sisitemu yo mu mashuri ya leta.

Reba mu *nama zigirwa itorero* vol.2, paje 253: "Itorero rifite umurimo w'ingenzi rikwiriye gukora mu byo kwigisha no kurera abana baryo, kugira ngo batazakururwa n'abafite ingeso zonona, ubwo bazaba bagiye mu ishuri cyangwa mu rundi rugaga. Isi yuzuye gukiranirwa no gusuzugura iby'Imana

ishaka. Imidugudu yahindutse nk'I Sodoma, kandi abana bacu bahora batsiritana n'ibibi byinshi buri munsi. Abajya mu mashuri y'ubutegetsi kenshi bifatanya n'abandi bahinyutse kubarusha, abicikira ntibabe mu ishuri ku gihe, batahira ubwomanzi. Imitima y'abasore inyurwa manuma keretse abo babana bagize ingeso ziboneye naho ubundi Satani azakoresha abo bana bahinyurwa kwikururira abo bigishijwe neza kubarusha. Nuko rero mu gihe ababyeyi bakomeza isabato baba bataramenya ibikorwa, bakaba biga ibyigisho by'ibibi, maze imitima y'abana ikononekara.

Imiryango myinshi yimukira aho amashuri yacu manini yahanzwe, kugira ngo abana babo bigishwe, yaba igize neza biruseho yigumiye aho iri. Bakwiriye gutera itorero barimo ubutwari bwo guhanga ishuri ry'itorero, aho abana bari aho batuye bashobora kubonera ubwenge bwa gikristo bw'uburyo bwose kandi bukwiriye. Byabera abana babo byiza cyane, nabo ubwabo, n'umurimo w'Imana, baramutse bigumiye mu matorero matoya, aho bashakirwa gufasha, mu kigwi cyo kujya mu matorero yagogoye, hahora ibishuko iteka byo kugira intege nke mu by'umwuka kuko badakenewe. ”

## 11.Isi yari kuburirwa mu gihe cy'imyaka ibiri nyuma ya 1888.

Amakuru bivugwa ko aboneka muri *Generel conference Bulletin* yo mu 1892, umukuru w'itorero witwa S. N. Haskell yavuze ko ayo makuru ayashingira kubyo yibuka byavugiwe mu kiganiro cyaje gucapwa mu 1899. Nta kinyamakuru kitwa *Bulletin* kigeze gicapwa mu 1892, kandi nta n'ahantu na hamwe aboneka mu nyandiko za Ellen G. White zacapwe n'izitaracapwe.

## *5. Ibihimbano by'umwimerere*

Amwe mu magambo yitirirwa Ellen G. White ni ibihimbano gusa.

## 1.Ubuhakanyi bw'amatorero cyangwa za konferanse by'abadiventiste b'umunsi wa karindwi.

Amakuru avuga ko Ellen G. White yahanuye iby'ubuhakanyi bw'amatorero yose na konferanse zose by'abadiventiste b'umunsi wa karindwi nta gihamya afite. Reba mu *bihamya by'itorero*, vol.8, p.41 n' amagambo avuga kuby' "ishungura" mu gitabo *cy'Inyandiko z'ibanze* paje 179: "Marayika yaravuze ati: "Tega amatwi!" Bidatinze numvise ijwi rimeze nk'iry'ibyuma bya muzika byose byarangururaga mu njyana itunganye kandi inogeye amatwi. Iyo njyana yarutaga kure izo nigeze kumva zose, yasaga n'iyuzuye imbabazi n'impuhwe, ndetse n'ibyishimo bizahura kandi bizira amakemwa. Iyo njyana yansabye umubiri wose.

Marayika yarambwiye ati: "Reba!" Noneho amaso yanjye yerekeye ku itsinda nigeze kubona ry'abantu bari bashunguwe bikomeye. Neretswe ba bandi nari nabonye mbere baviraga kandi basenganaga intimba mu mutima. Itsinda ry'abamarayika barinzi babakikije ryari ryikubye kabiri, kandi bari bambaye intwaro kuva ku mutwe kugeza ku birenge. Bagendaga kuri gahunda itunganye nk'umutwe w'abasirikari. Mu maso habo hagaragaraga intambara ikomeye bihanganiye ndetse n'urugamba rukaze banyuzemo. Ariko kandi mu maso habo hari hasanzwe hagaragara intimba ikomeye iri mu mitima yabo noneho harabagiranaga umucyo n'ikuzo ry'ijuru. Bari babonye intsinzi maze ibatera gushima babikuye ku mutima kandi bafite ibyishimo bizira amakemwa. IZ 208.4

Umubare w'abari bagize iri tsinda wari wagabanutse. Bamwe bari bagosowe maze basigara ku nzira. Abari ba ntibindeba kandi bataragiraga icyo bitaho, ba bandi batigeze bifatanya n'ababonaga ko intsinzi n'agakiza ari iby'igiciro cyinshi bagakomeza kwinginga kandi batakamba kubwa byo, bene abo ntibigeze babibona, ahubwo basigaye mu mwijima maze imyanya yabo ihita igibwamo n'abandi bakiriye ukuri bakaza mu itsinda. Abadayimoni bakomeje kubibasira nyamara ntibababashaga kubatsinda.IZ 208.5

Numvise ba bandi bari bambaye intwaro bavugana ukuri imbaraga ikomeye. Uko kuri kwagize ingaruka zitangaje. Benshi bari baragizwe imbohe; abagore bamwe bari baraboshywe n'abagabo babo; abana bamwe ari imbohe z'ababyeyi babo. Indahemuka zari zarabujijwe kumva ukuri noneho zakwakiranye ubwuzu bwinshi. Gutinya abo mu miryango yabo kose kwari kwashize, ahubwo ukuri konyine ni ko barutishaga byose. Bari baramaze igihe

kirekire bafite inzara n'inyota byo kumenya ukuri; kandi baragukundaga cyane ndetse kukanababera ukw'igiciro cyinshi kuruta ubugingo bwabo. Nabajije icyateye izo mpinduka zikomeye. Marayika yaransubije ati: "Ni imvura y'itumba, ihembura riturutse ku Mana, ijwi rirenga rya marayika wa gatatu." IZ 209.1"

## 2.Imyitwarire yagaragarijwe abakuru b'itorero Jones na Waggoner.

Amagambo yitiriwe Ellen G. White, agaragaza ko hari isano iri hagati yo "kuba abayobozi b'itorero barabanje kwanga inyigisho z'abakuru b'itorero Jones na Wagonner kuva mu 1888 gukomeza", no kwanga ubutumwa bwa Yosuwa na Kalebu ku ruhande rw'abisirayeli; ntabwo aboneka mu nyandiko za Ellen G.White. Ni ayanditswe n'undi mwanditsi utarabashije kumenyekana. Byinshi kandi biteye amatsiko nyamara bitari byo, byagiye bivugwa cyane bishingiye kuri ayo magambo.

## 3.Ubutumwa bw'ijwi rirenga bwangwa.

Mu gihe amagambo amwe n'amwe yenda gusa n'ibyanditse mu *Bihamya ku bagabura*, paje 468, 469; nta gihamya kigeze kiboneka mu nyandiko za Ellen G. White kivuga ibijyanye no "kurakara ugamije guhōra" aribyo bishatse kuvuga ko ubutumwa bwa malayika buboneka mu byahishuwe 18:1 "buzangwa, abantu bakabufata nk'ubupfu, bakabusebya, kandi benshi mu bizera bakabwanga."

## 4.Ishyaka rya politike cyangwa izina ry'umuryango wa perezida uheruka wa Leta zunze ubumwe za Amerika.

Amakuru avuga ko Ellen G.White yahishuye mu buryo bwahuranyije cyangwa butahuranyije ishyaka rya politike cyangwa izina ry'umuryango bya perezida wa Leta zunze ubumwe za Amerika mu bihe bisoza amateka y'isi, ni ibihimbano by'umwimerere.

## 5.Ubufaransa n'umudendezo w'idini.

Amakuru avuga ko Ellen G.White yavuze ko igihugu cy'Ubufaransa aricyo kizaba igiheruka mu gusigarana umudendezo w'idini nta gihamya afite.

## 6.Iyerekwa ryo gupfa kuzaba ku isi yose na gahunda nshya y'isi.

Iyerekwa ry'ibyiyumviro bivugwa ko ryanditswe mu *rwibutso n'integuza* rwo kuwa 25, Mata 1889, aho bitekerezwa ko Ellen G.White yaba yaravuze kuri White House (inzu nini ibamo abayobozi ba leta zunze ubumwe za Amerika) n'urubanza rujyanye n'urupfu ruzagera ku batuye isi bose ruturutse iburasirazuba kandi rugatuma habaho gahunda nshya y'isi; ni ibihimbano gusa gusa. Nta *rwibutso n'integuza* rwigeze rucapwa kuwa 25, Mata 1889, kandi n'amagambo agize iryo yerekwa ntaho aboneka mu nyandiko za Ellen G. White.

## <u>INYANDIKO/IMBUGA ZAKORESHEJWE:</u>


1. Ellen G. White® Estate: Statements Mistakenly Attributed
   https://whiteestate.org/legacy/issues-faq-mist-html/
2. comprehensive Index to the writings of Ellen g.White, vol, 3, pp.3189-3192


*******